**POLISI Y'U RWANDA**

**ISHAMI RISHINZWE IBIZAMINI**
**N' IMPUSHYA ZO GUTWARA IBINYABIZIGA**
**P.O.BOX 6304 KIGALI**

# ITANGAZO

1. Ishami rya Polisi rishinzwe ibizamini n'impushya zo gutwara ibinyabiziga riramenyesha abantu bose ko kuva tariki **06 Gicurasi 2024,** rizatangira gukoresha ibizamini hifashishijwe ikoranabuhanga mu Kigo cya Busanza giherereye mu Karere ka Kicukiro, Umurenge wa Kanombe, Akagari ka Busanza.

2. Ibizamini bizajya bikorerwa muri iki kigo ni uruhushya rw'agateganyo n'impushya za burundu urwego **A, B, C, D, D1.** Kwiyandikisha bikorerwa ku rubuga irembo (**www.irembo.gov.rw**), imirongo izaba ifunguye kuva tariki **03 Gicurasi 2024**.

3. Uwasabye gukora ikizamini cy'uruhushya rwo gutwara ibinyabiziga agomba kubahiriza amasaha yahawe yiyandikisha kandi akaza yitwaje indangamuntu y'umwimerere. Ku bindi bisobanuro mwaduhamagara ku murongo utishyurwa **118.**

Bikorewe i Kigali kuwa ...02..../05/2024

**ACP Dr. Steven RUKUMBA**
**KOMISERI W'ISHAMI RYA POLISI RISHINZWE**
**IBIZAMINI N' IMPUSHYA ZO GUTWARA IBINYABIZIGA**